# 215: Tujye duhimbaz’ iteka

1. Tujye duhimbaz’ iteka Ururembo rw'i wacu, Twarwubakiwe na Yesu Mw ijuru ry'Uwiteka.

Ref: iyaba mfit’ amababa Nk’ abamarayika, mba ngurutse, nkagerayo, Nkab’ i Siyon’iteka.

2. Kand’ amazu yaho yose Ararabagirana, Kand’ aruta cyane rwose Ay’ abantu bubaka.

3. Yes’ ariyo, ni We Mwami Utwar’ abaho bose, Kand’ abamalayika bajya Bamuhimbaz’ iteka.

4. Munsi y'intebe y'ubwami .ni hw isok’ikomoka ivamo ya mazi meza ubugingo bw’iteka.

5. Kand’aho ni ho hamera Igiti cy'ubugingo: lbibabi byacyo byiza Ni byo bikiz’ abantu.

6. Duhimbaz' urwo rurembo Rwo mw ijuru ly'Imana: Ni rwo Yesu Kristo wacu Yadutunganirije,

7. Yes' utungany' imitima Y'abakwizeye twese, Tuiye dukor’ iby’ ushima, Tuzabane mw’ ijuru.

(indirimbo y'Abagande bishwe babahora izina rya Yesu)